UMWEPISKOPI YASUYE PARUWASI YA GISOVU YAHAWE PADIRI MUKURU MUSHYA

Tariki 08 Kanama 2018, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yasuye Paruwasi ya Gisovu yahawe Padiri Mukuru mushya ari we Padiri Jean de Dieu NIYONSENGA usimbuye Padiri Jean d'Amour UWIMANA wari uhamaze imyaka 11 ari Padiri Mukuru w'iyo Paruwasi kuva yashingwa. Mu ruzinduko rwe kandi Umwepiskopi yagize n'igikorwa cyo gushyira ibuye ry'ifatizo kuri Kiliziya ya Gisovu abakristu bifuje ko yagurwa ikaba nini kuko yari ntoya, Umwepiskopi akabibemerera.

Nyuma y'Igitambo cya Misa Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Gisovu Jean de Dieu NIYONSENGA yahawe imfunguzo za Kiliziya ngo ajye afungura Kiliziya Abakristu basenge, ahabwa n'infunguzo za Tabernaculo ibitse Umubiri wa Yezu Kristu ngo ajye afungurira Imbaga y'Imana isonzeye Umubiri wa Yezu Kristu.

Nuko ahabwa n’Ububasha ku mugaragaro bwo kuyobora, gutagatifuza no kwigisha Imbaga y’Imana ya Paruwasi ya Gisovu.

Mu Ijambo rye Padiri Jean de Dieu NIYONSENGA yashimiye Umwepiskopi ku butumwa bushya yahawe, kandi avuga ko azabukora neza uko ashoboye. Yashimiye kandi Padiri Mukuru ucyuye igihe Padiri Jean d’Amour UWIMANA wahawe ubutumwa bwo kujya kwiga mu gihugu cy’Ubufaransa muri Théologie, avuga ko azakomereza aho yari agereje. Yashoje ijambo rye asaba ubufatanye ku bakristu kandi asaba ubufatanye n’abayobozi b’inzego bwite za Leta bari bitabiriye uwo munsi.

Mu Ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri yashimiye Padiri Jean d'Amour UWIMANA igihe amaze ari Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Gisovu n'iterambere bagezeho bafatanyije n'abakristu ba Paruwasi ya Gisovu. Yaboneyeho rero gusaba abakristu gukomeza gufatanya na Padiri Mukuru mushya abahaye. Kandi yabashimiye ko bakomeje kumva ko Paruwasi ya Gisovu ari iyabo, abashimira ubufatanye bugaragara bagirana n'abapadiri yabahaye n'intambwe bamaze kugeraho. Yabashimiye ishyaka bafite ryo kuvugurura Kiliziya yabo abemerera ko niyuzura azaza kuyitaha. Yifurije Padiri Jean de Dieu imirimo myiza yifuriza na Padiri Jean d'Amour amasomo meza.

Nyuma y'Igitambo cy'Ukaristiya Umwepiskopi yashyize ibuye fatizo ahazakomereza inyubako ya Kiliziya ya Paruwasi ya Gisovu.

Padiri Jean Marie KWIZERA